



IBIBAZO 5

KUBAZA MUGANGA WAVE CYANGWA ABANDI BATANGA IBIKORWA BYUBUVUZI MBERE YO KUBONA IKIZAMINI, UBUVUZI CYANGWA KUBAGWA (GUKORERWA IBINDI BIKOMEYE BITARUKUBAGWA URUGERO: COLONOSCOPIE, ENDOSCOPIE)

Ibizamini bimwe, kuvura hamwe nukubagwa bitanga inyungu nke. Rimwe na rimwe, birashobora no guteza ibyago.

Koresha ibibazo 5 kugirango umenye neza ko ubonye ubuvuzi bukwiriye - ntabwo ari bwinshi kandi butari buke.



1

**MBESE KOKO
NKENEYE IKIZAMINI,
UBUVUZI CYANGWA
KUBAGWA?**

Ibizamini birashobora kugufasha hamwe na muganga wawe cyangwa abandi batanga ibikorwa byubuvuzi kumenya ikibazo. Ubuvuzi, nk'imiti, hamwe nukubagwa bishobora gufasha kukivura.

2

IBYAGO NIBIHE?

Hoba hari ingaruka mbi zo kwipimisha cyangwa kuvurwa? Amahirwe yo kubona ibisubizo bitari byiza nayahe? Birashobora kuganisha ku kwipimisha kurenze, kuvura byongeweho cyangwa ukundi kubagwa?

3

**HARIHO
AMAHITAMO
YOROSHE,
ATEKANYE?**

Baza niba hari ubundi buryo bwo kuvura bushobora gukora. Guhindura imibereho, nko kurya ibiryo byiza cyangwa gukora siporo nyinshi, birashobora kuba amahitamo atekanye kandi agira akamaro.

4

**BIGENDA GUTE IYO
NTACO NKOZE?**

Baza niba ubuzima bwawe bushobora kuba bubi - cyangwa bwiza - niba udakoze ikizamini, utavuwe cyangwa utabazwe ako kanya.

5

IGICIRO NIKIHE?

Ibiciro birashobora kuba amafaranga, amarangamutima cyangwa ikiguzi cyigihe cawe. Aho hari ikiguzi kubaturage, ikiguzi kirumvikana cyangwa hari ubundi buryo buhendutse?



Kubindi bisobanuro sura
choosingwisely.org.au



Injira mu kiganiro
[@ChooseWiselyAU](https://twitter.com/ChooseWiselyAU)

Byahinduwe mubikoresho byakozwe na Consumer Reports (Raporo Zababikoresha). Hakurikijwe uruhushya (licence) ruva kuri ABIM Foundation.

Choosing Wisely Australia® numugambi ufasha abaganga, abakenera ibikorwa na abafatanyabikorwa mu byubuvuzi kugirango batangire ibiganiro byingenzi kubyerekeye ibizamini bitari ngombwa, ubuvuzi n'ukubagwa bidakenewe. Hamwe no kwibanda kubuvuzi bufite ireme, Choosing Wisely Australia iyobowe n'amashuri aminuje yubuvuzi ya Ositaraliya, societe n'amashyirahamwe yubuvuzi, kandi ishobozwa na NPS MedicineWise

Hafashwe ingamba zifatika zo gutanga amakuru yukuri mugihe cyo kurema. Aya makuru ntabwo agenewe gusimbuzira inama zubuvuzi kandi ntagomba gushingirwaho gusa kugirango uburwayi budakira buyoborwe cyangwa busuzumwe. Choosing Wisely Australia® ntiyemera inshingano (harimo na kubera uburungane) kubihombo byose, ibyangiritse cyangwa ibikomere biterwa no kwishingikiriza cyangwa gukoresha aya makuru. Soma imvugo yuzuye ivanaho ishingano kuri choosingwisely.org.au.